(h) a reference to international agreements relating to the draft, if any;

(i) transitional provision, where applicable;

(j) retroactive or post-active effects of the draft, where applicable.

**<u>Article 9:</u> Format of drafting instructions**

(c) l'objectif du projet ;

(d) la manière dont le projet envisage de mettre en exécution la politique, y compris des prohibitions, des sanctions, des licences, des exceptions ou des cadres institutionnels ;

(e) la référence à une décision de la Cour Suprême y relative ;

(f) la référence à une résolution du Parlement y relative, le cas échéant ;

(g) des effets du projet sur les textes normatifs existants ;

(h) la référence aux accords internationaux relatifs au projet, le cas échéant;

(i) des dispositions transitoires, si nécessaire ;

(j) des effets rétroactifs ou post-actifs du projet, si nécessaire.

**<u>Article 9 :</u> Forme des instructions de rédaction d'un projet**

(1) Amabwiriza yo kwandika umushinga yandikwa muri rumwe mu ndimi zikoreshwa mu kwandika amategeko.

(2) Inyandikongero y'amabwiriza yo kwandika umushinga iri ku mugereka wa 2 w'iyi mirongo ngenderwaho.

**<u>UMUTWE WA III:</u> GUSABA IBITEKEREZO**

**<u>Ingingo ya 10:</u> Icyerekezo cyo gusaba ibitekerezo**

(1) Ibitekerezo bisabwa ku mushinga wakorewe ubushakashatsi bigakorwa n'urwego rwateguye uwo mushinga.

(2) Ibitekerezo bisabwa –

(a) inzego za Leta bireba;

(b) inzobere;

(c) abo umushinga uzagiraho ingaruka;

(d) cyangwa andi matsinda afite inyungu mu mushinga.

**<u>Ingingo ya 11:</u> Ibikubiye muri raporo ku gusaba ibitekerezo**

(1) Drafting instructions are written in one of languages used to draft legislation.

(2) The template of drafting instructions is in Annex 2 of these Guidelines.

**<u>CHAPTER III:</u> CONSULTATIONS**

**<u>Article 10:</u> Orientation of consultations**

(1) Consultations are held on a draft already subjected to research, by the organ that prepared the draft.

(2) Consultations are held with –

(a) relevant State organs;

(b) experts;

(c) affected groups; or

(d) other interested groups.

**<u>Article 11:</u> Content of a report on consultations**

(1) Les instructions de rédaction d'un projet sont écrites dans l'une des langues utilisées pour la rédaction des textes normatifs.

(2) Le modèle des instructions de rédaction d'un projet est en annexe 2 des présentes lignes directrices.

**<u>CHAPITRE III :</u> CONSULTATIONS**

**<u>Article 10 :</u> Orientation des consultations**

(1) Les consultations sont menées sur un projet qui a déjà fait l'objet de recherche, par l'organe qui a préparé le projet.

(2) Les consultations sont menées avec –

(a) les organes de l'État concernés ;

(b)des experts ;

(c) des groupes affectés ; ou

(d) d'autres groupes intéressés.

**<u>Article 11 :</u> Contenu d'un rapport sur les consultations**

Raporo ku gusaba ibitekerezo igaragaza –

(a) inzego n'abantu batanze ibitekerezo;

(b) ibitekerezo byatanzwe;

(c) ibitekerezo byemewe;

(d) n'ibitekerezo bitemewe n'impamvu bitemewe.

**Ingingo ya 12 : Imiterere ya raporo ku gusaba ibitekerezo**

(1) Raporo ku gusaba ibitekerezo yandikwa mu rurimi umushinga wateguwemo kandi igashyirwaho umukono n'uwatangije umushinga.

(2) Inyandikongero ya raporo ku gusaba ibitekerezo iri ku mugereka wa 3 w'iyi mirongo ngenderwaho.

**UMUTWE WA IV: INYANDIKO IKUBIYEMO IGITEKEREZO CY'UMUSHINGA**

**Ingingo ya 13: Icyo inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga igamije**

The content of a report on consultations states –

(a) institutions and people consulted;

(b) opinions that were provided;

(c) opinions that were accepted; and

(d) opinions that were rejected and justifications for rejection.

**Article 12: Format of a report on consultations**

(1) The report on consultations is written in the drafting language and signed by the initiator of the draft.

(2) The template of a report on consultations is in Annex 3 of these Guidelines.

**CHAPTER IV: CONCEPT NOTE OF A DRAFT**

**Article 13: Purpose of a concept note of a draft**

Le contenu d'un rapport sur les consultations fait état –

(a) des institutions et des personnes consultées ;

(b) des avis qui ont été donnés ;

(c) des avis qui ont été retenus ; et

(d)des avis qui ont été rejetés et les motifs de rejet.

**Article 12 : Forme d'un rapport sur les consultations**

(1) Le rapport sur les consultations est écrit dans la langue d'initiation du texte normatif et signé par l'initiateur du projet.

(2) Le modèle d'un rapport sur les consultations est en annexe 3 des présentes lignes directrices.

**CHAPITRE IV : NOTE CONCEPTUELLE D'UN PROJET**

**Article 13 : Objet d'une note conceptuelle du projet**

Inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga igaragaza intego y'itangizwa ry'umushinga wakorewe ubushakashatsi ishingiye nibura kuri imwe mu mpamvu zikurikira:

(a) gushyira mu bikorwa politiki y'Igihugu;

(b) gutunganya ibikorwa bya Leta;

(c) kurangiza urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga;

(d) gushyira mu bikorwa imyanzuro yatanzwe n'Inteko Ishinga Amategeko;

(e) gushyira mu bikorwa imyanzuro ya komisiyo zihariye zashyiriweho intego runaka;

(f) gukemura ibibazo byagaragaye mu mategeko ariho;

(g) kubahiriza inshingano zikubiye mu masezerano mpuzamahanga yemejwe burundu n'u Rwanda;

(h) gushyira mu bikorwa imyanzuro ya raporo z'inzego ngenzuramikorere, mu birebana n'ibibazo byagaragajwe mu mategeko;

A concept note of a draft describes the purpose of initiating a draft already subjected to research basing on at least one of the following grounds:

(a) to implement a national policy;

(b) to run State business;

(c) to execute the verdict of the Supreme Court;

(d) to execute the recommendations spearheaded by Parliament;

(e) to execute the recommendations from ad hoc commissions established for a particular purpose;

(f) to address problems that are found within existing legislation;

(g) to be in line with the obligations arising from international agreements ratified by Rwanda;

(h) to respond to the recommendations from reports of regulatory bodies concerning problems that are found within existing legislation;

Une note conceptuelle du projet fait état de l'objectif de l'initiation d'un projet qui a déjà fait l'objet de la recherche sur base d'au moins un des motifs suivants :

(a) mettre en exécution une politique nationale ;

(b) mener les activités de l'État ;

(c) exécuter le jugement rendu par la Cour Suprême ;

(d) exécuter les recommandations avancées par le Parlement ;

(e) exécuter les recommandations des commissions ad hoc établies pour un objectif particulier ;

(f) résoudre des problèmes identifiés dans les textes normatifs existants ;

(g) faire respecter des obligations des accords internationaux ratifiés par le Rwanda ;

(h) donner suite aux recommandations des rapports des organes de régulation en matière des problèmes identifiés dans les textes normatifs existants ;

(i) gukemura ibibazo byihutirwa bisaba ivugururwa ry'amategeko;

(j) gushyira mu bikorwa imyanzuro yafashwe n'ibigo mpuzamahanga ;

(k) gushyira mu bikorwa imyanzuro yatanzwe n'amatsinda abifitemo inyungu;

(l) kubahiriza inyungu rusange.

**Ingingo ya 14: Itegurwa ry'inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga**

Inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga yandikwa mu rurimi itegeko umushinga wateguwemo kandi itegurwa n'uwatangije umushinga.

**Ingingo ya 15: Ibigize inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga**

Inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga ishyirwamo amakuru akurikira:

(a) intego y'umushinga;

(b) ikigamijwe kugerwaho;

(c) itsinda rirebwa n'umushinga;

(i) to respond to emergency situations that call for reform of the law;

(j) to implement recommendations from international organisations;

(k) to implement recommendations from interested groups;

(l) to respond to the public interest.

**Article 14: Preparation of a concept note of a draft**

A concept note of a draft is written in the drafting language and prepared by the initiator of the draft.

**Article 15: Content of a concept note of a draft**

A concept note of a draft contains the following information:

(a) the purpose of a draft;

(b) the target to be achieved;

(c) the target group;

(i) donner suite aux situations d'urgence qui requièrent la réforme du droit ;

(j) mettre en exécution des recommandations des organisations internationales ;

(k) mettre en exécution des recommandations issues des groupes intéressés ;

(l) donner suite à l'intérêt public.

**Article 14 : Préparation d'une note conceptuelle du projet**

Une note conceptuelle du projet est écrite dans la langue d'initiation du projet et préparée par l'initiateur du projet.

**Article 15 : Contenu d'une note conceptuelle du projet**

Une note conceptuelle du projet contient les informations suivantes :

(a) l'objectif d'un projet ;

(b) l'objectif à atteindre ;

(c) le groupe cible ;

(d) imiterere remezo y’umushinga;

(e) ibirebwa n’umushinga;

(f) ibigengwa n’umushinga;

(g) ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa;

(h) andi makuru ya ngombwa.

**Ingingo ya 16: Imigereka y’inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy’umushinga**

Imigereka y’inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy’umushinga ni iyi ikurikira:

(a) politiki umushinga ushingiyeho kandi yemejwe n’Inama y’Abaminisitiri;

(b) raporo y’ubushakashatsi bwakozwe;

(c) raporo ku gusaba ibitekerezo;

(d) umushinga;

(e) indi nyandiko ya ngombwa.

**Ingingo ya 17 : Imiterere y’inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy’umushinga**

(d) conceptual framework of a draft;

(e) the scope of a draft;

(f) matters to be regulated;

(g) practical readiness for execution;

(h) other relevant information.

**Article 16: Annexes to a concept note of a draft**

Annexes to a concept note of a draft are the following:

(a) a policy on which the draft is anchored and approved by the Cabinet;

(b) a report on research conducted;

(c) a report on consultations held;

(d) a draft;

(e) other relevant document.

**Article 17: Format of a concept note of a draft**

(d) le cadre conceptuel d’un projet ;

(e) le champ d’application d’un projet ;

(f) la matière qui doit être réglementée ;

(g) l’aspect pratique de mise en exécution ;

(h) d’autres informations pertinentes.

**Article 16 : Annexes d’une note conceptuelle du projet**

Les annexes d’une note conceptuelle du projet sont les suivantes :

(a) la politique sur laquelle le projet est fondé et qui est adoptée par le Conseil des Ministres ;

(b) un rapport de recherche effectuée ;

(c) un rapport sur les consultations menées ;

(d) un projet ;

(e) autre document pertinent.

**Article 17 : Forme d’une note conceptuelle du projet**

Inyandikongero y'inyandiko ikubiyemo igitekerezo cy'umushinga iri ku mugereka wa 4 w'iyi mirongo ngenderwaho.

The template of a concept note of a draft is in Annex 4 of these Guidelines.

Le modèle d'une note conceptuelle du projet est en annexe 4 des présentes lignes directrices.

## INTERURO YA III: IMYANDIKIRE Y'AMATEGEKO

## TITLE III: LEGISLATIVE DRAFTING

## TITRE III : LÉGISTIQUE

### UMUTWE WA MBERE: AMAHAME Y'IBANZE Y'IMYANDIKIRE Y'AMATEGEKO

### CHAPTER ONE: BASIC PRINCIPLES OF LEGISLATIVE DRAFTING

### CHAPITRE PREMIER : PRINCIPES DE BASE DE LÉGISTIQUE

**Ingingo ya 18: Kudashyira ingingo z'itegeko mu rindi**

Ingingo z'itegeko ntizongera gushyirwa mu rindi tegeko.

**Article 18: Non-duplication of legislation**

Provisions of legislation are not repeated in another legislation.

**Article 18 : Non redoublement des textes normatifs**

Les dispositions d'un texte normatif ne sont pas reprises dans un autre texte normatif.

**Ingingo ya 19: Ukutavuguruzanya kw'amategeko**

(1) Ingingo z'itegeko ntizivuguruza ingingo z'irindi tegeko rikuru mu busumbane.

(2) Iyo kuvuguruzanya n'ingingo z'itegeko rikuru mu busumbane bidashobora kwirindwa, itegeko rikuru mu busumbane ribanza guhindurwa.

**Article 19: Non-contradiction of legislation**

(1) Provisions of legislation do not contradict provisions of another legislation that is higher in hierarchy.

(2) If contradiction with provisions of a higher legislation in hierarchy cannot be avoided, a higher legislation in hierarchy is first amended.

**Article 19 : Non contradiction des textes normatifs**

(1) Les dispositions d'un texte normatif ne contredisent pas les dispositions d'un autre texte normatif qui lui est supérieur en hiérarchie.

(2) Lorsque la contradiction avec les dispositions d'un texte normatif supérieur en hiérarchie ne peut pas être évitée, le texte normatif supérieur en hiérarchie est d'abord modifié.

**Ingingo ya 20: Inzitizi ku burenganzira n'ubwisanzure bwa muntu**

Ibigize inzitizi ku burenganzira n'ubwisanzure bwa muntu bishyirwa mu itegeko bigomba kuba bikwiye kandi bigendanye n'ikigamijwe kugerwaho n'itegeko mu nyungu rusange.

**Ingingo ya 21: Igihe itegeko rimara rikurikizwa**

(1) Igihe itegeko rimara rikurikizwa gishobora kugenwa kuri iryo tegeko ryose.

(2) Igihe itegeko rimara rikurikizwa gishobora kandi kugenwa ku gice cy'iryo tegeko.

**Ingingo ya 22: Ukudasubira inyuma kw'itegeko**

(1) Itegeko ntirisubira ku bikorwa byabaye ritaratangira gukurikizwa, uretse iyo ribiteganya ukundi.

(2) Itegeko ntirisubira ku byabaye iyo –

**Article 20: Restrictions on rights and freedoms of a person**

The restrictions on the rights and freedoms of a person set out in a legislation must be appropriate and proportionate to the purpose that the legislation seeks to attain in public interest.

**Article 21: Term of effect of legislation**

(1) A term of effect of legislation may be specified for the entire legislation.

(2) A term of effect of legislation may also be specified for a division of the legislation.

**Article 22: Non-retroactive effect of legislation**

(1) A legislation does not have a retroactive effect before it comes into force, unless the legislation provides otherwise.

(2) A legislation does not have a retroactive effect, especially if –

**Article 20 : Limitations aux droits et à la liberté de la personne**

Les limitations aux droits et à la liberté d'une personne énoncées dans des textes normatifs doivent être appropriées et proportionnées à l'objectif que le texte normatif vise à atteindre dans l'intérêt public.

**Article 21 : Durée de validité d'un texte normatif**

(1) La durée de validité d'un texte normatif peut être spécifiée pour l'ensemble du texte normatif.

(2) La durée de validité d'un texte normatif peut également être spécifiée pour une division de ce texte normatif.

**Article 22 : Effet non-rétroactif d'un texte normatif**

(1) Un texte normatif n'a pas d'effet rétroactif avant son entrée en vigueur, sauf si ce texte normatif en dispose autrement.

(2) Un texte normatif n'a pas d'effet rétroactif, particulièrement lorsque –

(a) rivanaho cyangwa rizitira uburenganzira bwa muntu;

(b) rigena ingingo z'ibihano, uretse iyo uburyozwe ku cyaha cyakozwe mbere buvanyweho cyangwa bworohejwe;

(c) bibangamiye inyungu z'Igihugu cyangwa iz'umuntu ziteganyijwe n'itegeko.

**Ingingo ya 23: Ugutinda gukurikizwa kw'itegeko**

Itegeko ritinda gukurikizwa iyo –

(a) hakenewe igihe cyo gushyiraho ibirebana n'ubuyobozi;

(b) hagomba gushyirwaho itegeko ry'ingereka kugira ngo itegeko ry'ibanze rishyirwe mu bikorwa; cyangwa

(c) hari ndi mpapmvu yatuma ritinda gukurikizwa.

**UMUTWE WA II: INTERURO Y'ITEGEKO**

**Icyiciro cya mbere: Imyubakire y'interuro y'itegeko**

(a) it repeals or restricts human rights;

(b) it prescribes penal provisions, unless a previous liability for an offence is revoked or mitigated;

(c) it is against national interests or person's interests provided for by a law.

**Article 23: Post-active effect of legislation**

Coming into force of legislation is postponed if –

(a) time is needed to set up administrative arrangements;

(b) subsidiary legislation, on which the implementation of the primary legislation depends, has to be adopted; or

(c) there is another reason for its post activity

**CHAPTER II: LEGISLATIVE SENTENCE**

**Section One: Construction of a legislative sentence**

(a) il abroge ou limite les droits de la personne ;

(b) il prescrit des dispositions pénales sauf si la responsabilité antérieure pour une infraction est révoquée ou atténuée ;

(c) il est contraire aux intérêts nationaux ou aux intérêts d'une personne prévus par une loi.

**Article 23 : Effet post actif d'un texte normatif**

L'entrée en vigueur d'un texte normatif est post active lorsque –

(a) il faut du temps pour mettre en place des dispositions administratives ;

(b) une législation subsidiaire, dont dépend l'exécution du texte législatif, doit être adoptée ; ou

(c) il y a un autre motif de sa post activité.

**CHAPITRE II : PHRASE LÉGISLATIVE**

**Section première : Construction d'une phrase législative**

**Ingingo ya 24: Ibigize interuro y'itegeko**

Interuro y'itegeko igizwe n'ibi bikurikira:

(a) ukora igikorwa;

(b) igikorwa;

(c) ibyerekeranye n'itegeko.

**Ingingo ya 25: Ukora igikorwa**

(1) Ukora igikorwa ni umuntu urebwa n'ikivugwa.

(2) Ukora igikorwa yandikwa ku mwanya wa mbere mu nteruro y'itegeko.

**Ingingo ya 26: Igikorwa**

(1) Igikorwa kigaragaza uburyo ugikora arebwa n'ikivugwa.

(2) Igikorwa kigizwe n'inshinga igaragaza igikorwa mu nteruro y'itegeko, kikanagena igisabwa ukora igikorwa.

**Ingingo ya 27: Ibyerekeranye n'itegeko**

**Article 24: Elements of a legislative sentence**

A legislative sentence is composed of the following elements:

(a) a legal subject;

(b) a legal action;

(c) the context.

**Article 25: Legal subject**

(1) A legal subject refers to the person to be affected.

(2) A legal subject is placed in a prominent position in a legislative sentence.

**Article 26: Legal action**

(1) A legal action indicates the way in which the legal subject is to be affected.

(2) A legal action contains an enacting verb of a legislative sentence, and determines what is required of the legal subject.

**Article 27: Context**

**Article 24 : Éléments d'une phrase législative**

Une phrase législative est composée des éléments suivants :

(a) le sujet juridique ;

(b) le prédicat ;

(c) le contexte.

**Article 25 : Sujet juridique**

(1) Le sujet juridique se réfère à la personne qui est affectée.

(2) Le sujet juridique occupe une position de premier plan dans une phrase légistique.

**Article 26 : Prédicat**

(1) Le prédicat indique la manière dont le sujet juridique est à être affecté.

(2) Le prédicat contient le verbe édictant de la phrase législative, et détermine ce qui est requis du sujet juridique.

**Article 27 : Contexte**

Ibyerekeranye n'itegeko ni amagambo yerekana uburyo igitegekwa mu itegeko kigomba gukorwamo.

The context is a statement of the circumstances in which the rule is to operate.

Le contexte est une expression des circonstances dans lesquelles une règle doit opérer.

**Icyiciro cya 2: Ngenga, igihe, uburyo, umubare, n'ingiro mu nteruro y'itegeko**

**Section 2: Person, tense, mood, number, and voice in a legislative sentence**

**Section 2 : Personne, temps, mode, nombre, et voix dans une phrase législative**

**Ingingo ya 28: Ngenga mu nteruro y'itegeko**

**Article 28: Person in a legislative sentence**

**Article 28 : Personne dans une phrase législative**

Ngenga ikoreshwa mu nteruro y'itegeko ni ngenga ya gatatu.

The person used in a legislative sentence is the third person.

La personne employée dans une phrase législative est la troisième personne.

**Ingingo ya 29: Igihe mu nteruro y'itegeko**

**Article 29: Tense in a legislative sentence**

**Article 29 : Temps dans une phrase législative**

(1) Indagihe ikoreshwa mu gusobanura ibyerekeranye n'itegeko bituma ibiteganywa mu itegeko bishyirwa mu bikorwa.

(2) Indagihe y'impitakare ikoreshwa mu gusobanura ko igisabwa cyangwa ibyerekeranye n'itegeko bituma igikorwa kiba byarangiye.

(3) Impitagihe ikoreshwa mu gusobanura igikorwa kigomba kuba cyarabaye mbere y'umunsi itegeko ryatangiriyeho gukurikizwa.

(1) Present tense is used to state the context putting a provision of a legislation in operation.

(2) Present perfect tense is used to state a precedent condition or the triggering context that has been completed.

(3) Past tense is used to describe an event that must have occurred before the date the legislation comes into force.

(1) Le présent est employé pour exprimer le contexte mettant en exécution une disposition d'un texte normatif.

(2) Le passé composé est employé pour exprimer une condition préalable ou le contexte déclenchant accompli.

(3) Le passé est employé pour décrire un événement qui doit avoir été produit avant le jour où un texte normatif entre en vigueur.

(4) Inzagihe iririndwa kubera ko, muri rusange, itegeko rivuga mu ndagihe kandi mu buryo buhoraho.

(4) Future tense and future perfect tense are to be avoided because legislation is generally regarded as speaking in the present and constantly.

(4) Le futur et le futur antérieur sont généralement à éviter car un texte normatif est considéré comme parlant dans le présent et à tout moment.

**Ingingo ya 30: Uburyo mu nteruro y'itegeko**

Uburyo bukoreshwa mu nteruro y'itegeko ni uburyo bw'ikirango.

**Article 30: Mood in a legislative sentence**

The mood used in a legislative sentence is the indicative mood.

**Article 30 : Mode dans une phrase législative**

Le mode employé dans une phrase législative est le mode indicatif.

**Ingingo ya 31: Umubare mu nteruro y'itegeko**

(1) Umubare ukoreshwa mu nteruro y'itegeko ni ubumwe.

(2) Ubumwe bukubiyemo ubwinshi.

(3) Ubwinshi bukoreshwa gusa iyo kwerekeza ku itsinda bikenewe.

**Article 31: Number in a legislative sentence**

(1) The number used in a legislative sentence is singular.

(2) The singular includes the plural.

(3) The plural is used only if there is reason to refer to a group.

**Article 31 : Nombre dans une phrase législative**

(1) Le nombre employé dans une phrase législative est le singulier.

(2) Le singulier comprend le pluriel.

(3) Le pluriel n'est employé que lorsqu'il y a lieu de référer à un groupe.

**Ingingo ya 32: Ingiro mu nteruro y'itegeko**

(1) Ingiro ikoreshwa mu nteruro y'itegeko ni ingiro nkora.

(2) Icyakora, ingiro ntega ikoreshwa iyo ituma ibiteganywa mu itegeko bisobanuka kurushaho, kandi ukora igikorwa agaragara.

**Article 32: Voice in a legislative sentence**

(1) The voice used in a legislative sentence is the active voice.

(2) However, the passive voice is used if it makes the provision more readable, and the legal subject is clear.

**Article 32 : Voix dans une phrase législative**

(1) La voix employée dans une phrase législative est la voix active.

(2) Toutefois, la voix passive est employée lorsqu'elle rend la disposition plus lisible, et que le sujet juridique est clair.

**<u>Icyiciro cya 3:</u> Utwatuzo n'inyuguti nkuru mu nteruro y'itegeko**

**<u>Ingingo ya 33:</u> Akabago**

(1) Akabago gakoreshwa mu kugaragaza ko interuro y'itegeko irangiye.

(2) Mu nteruro y'itegeko, ntihashyirwa umwanya imbere y'akabago, ahubwo umwanya ushyirwa inyuma y'akabago.

**<u>Ingingo ya 34:</u> Akabago n'akitso**

(1) Mu nteruro y'itegeko, akabago n'akitso gakoreshwa mu –

(a) kwerekana akaruhuko karenze akerekanwa n'akitso kandi kagufi ku kerekanwa n'akabago;

(b) kwerekana mu buryo bw'ikibonezamvugo ibice by'interuro bifitanye isano kandi binganya umumaro;

(c) kwerekana iherezo ry'agaka mu ngingo cyangwa mu gika, cyangwa agace k'agaka mu gika.

(2) Mu mwandiko w'Ikinyarwanda no mu w'Icyongereza ntihashyirwa umwanya imbere y'akabago n'akitso ahubwo ushyirwa inyuma yako. Icyakora, mu

**<u>Section 3:</u> Punctuation and capitalisation in a legislative sentence**

**<u>Article 33:</u> Full stop**

(1) A full stop is used to indicate the end of a legislative sentence.

(2) In a legislative sentence, there is not any space before a full-stop, but a space is put after a full-stop.

**<u>Article 34:</u> Semi-colon**

(1) In a legislative sentence, a semi colon is used –

(a) to indicate a pause that is longer than indicated by a comma and shorter than a full stop;

(b) to grammatically indicate linked clauses of equal importance;

(c) to indicate the end of a subparagraph within an article or paragraph, or a sub-subparagraph within a paragraph.

(2)In Kinyarwanda and English versions, a space is not put before but after a semi-colon. However, in a French version, a space is put before and after a semi-colon.

**<u>Section 3 :</u> Ponctuation et majuscule dans une phrase législative**

**<u>Article 33 :</u> Point**

(1) Un point est employé pour indiquer la fin d'une phrase législative.

(2) Dans une phrase législative, on ne met pas d'espace avant un point, mais on met un espace après un point.

**<u>Article 34 :</u> Point-virgule**

(1) Dans une phrase législative, un point-virgule est employé pour –

(a) indiquer une pause plus longue que celle indiquée par une virgule et plus courte qu'un arrêt complet ;

(b) indiquer grammaticalement les propositions liées et d'une importance égale ;

(c) indiquer la fin d'un alinéa dans un article ou dans un paragraphe, ou d'un sous-alinéa dans un paragraphe.

(2) En versions kinyarwanda et anglaise, on ne met pas d'espace avant mais après le point-virgule. Toutefois, en version

mwandiko w'Igifaransa hashyirwa umwanya imbere n'inyuma y'akabago n'akitso.

française, on met un espace avant et après le point-virgule.

**<u>Ingingo ya 35:</u> Utubago tubiri**

(1) Mu nteruro y'itegeko, utubago tubiri dukoreshwa mu guteguriza urutonde rukurikiraho rudashingiye mu buryo bw'ikibonezamvugo ku magambo ateguriza.

(2) Mu mwandiko w'Ikinyarwanda no mu w'Icyongereza, ntihashyirwa umwanya imbere y'utubago tubiri ahubwo ushyirwa inyuma yatwo. Icyakora, mu mwandiko w'Igifaransa hashyirwa umwanya imbere n'inyuma y'utubago tubiri.

**<u>Article 35:</u> Colon**

(1) In a legislative sentence, a colon is used to introduce something that follows in a list which does not grammatically depend on the introducing words.

(2) In Kinyarwanda and English versions, a space is not put before but after a colon. However, in French version, a space is put before and after a colon.

**<u>Article 35 :</u> Deux points**

(1) Dans une phrase législative, le double point est employé pour introduire quelque chose qui suit dans une liste qui ne dépend pas grammaticalement des mots introductifs.

(2) En versions kinyarwanda et anglaise, on ne met pas d'espace avant, mais après les deux points. Toutefois, en version française, on met un espace avant et après les deux points.

**<u>Ingingo ya 36:</u> Akitso**

(1) Mu nteruro y'itegeko, akitso gakoreshwa mu –

(a) gutandukanya ibintu bikurikiranye;

(b) kugaragaza ibice bitandukanye by'ikibonezamvugo mu nteruro;

(c) kugabanya interuro ndende;

(d) gukumira gusubiramo;

**<u>Article 36:</u> Comma**

(1) In a legislative sentence, a comma is used –

(a) to separate items in a sequence;

(b) to mark off separate grammatical clauses;

(c) to divide a compound sentence;

(d) to prevent repetition;

**<u>Article 36 :</u> Virgule**

(1) Dans une phrase législative, une virgule est utilisée pour –

(a) séparer les éléments dans une séquence ;

(b) marquer des propositions grammaticales distinctes ;

(c) diviser une phrase composée ;

(d) empêcher la répétition ;

(e) kwerekana inyangingo isobanura.

(2) Mu nteruro y'itegeko, ntihashyirwa umwanya imbere y'akitso, ahubwo ushyirwa inyuma yako.

**<u>Ingingo ya 37:</u> Agakoni**

(1) Mu nteruro y'itegeko, agakoni gakoreshwa mu guteguriza urutonde rukurikiraho rushingiye mu buryo bw'ikibonezamvugo ku magambo ateguriza.

(2) Mu nteruro y'itegeko hashyirwa umwanya imbere n'inyuma y'agakoni.

**<u>Ingingo ya 38:</u> Akanyerezo**

(1) Mu nteruro y'itegeko, akanyerezo gakoreshwa mu kugaragaza amagambo yahujwe agakora ijambo rimwe.

(2) Mu nteruro y'itegeko, ntihashyirwa umwanya imbere n'inyuma y'akanyerezo.

**<u>Ingingo ya 39:</u> Utwuguruzo n'utwugarizo**

(e) to indicate a commenting modifier.

(2) In a legislative sentence, a space is not put before, but after a comma.

**<u>Article 37:</u> Dash**

(1) In a legislative sentence, a dash is used as an alternative to a colon to introduce something that follows in a list which grammatically depends on the introducing words.

(2) In a legislative sentence, a space is put before and after a dash.

**<u>Article 38:</u> Hyphen**

(1) In a legislative sentence, a hyphen is used to indicate paired words.

(2) In a legislative sentence, a space is not put before and after a hyphen.

**<u>Article 39:</u> Quotation marks**

(e) indiquer un modificateur explicatif.

(2) Dans une phrase législative, on ne met pas d'espace avant mais après une virgule.

**<u>Article 37 :</u> Tiret**

(1) Dans une phrase législative, un tiret est employé pour introduire quelque chose qui suit dans une liste qui dépend grammaticalement des mots introductifs.

(2) Dans une phrase législative, on met un espace avant et après un tiret.

**<u>Article 38 :</u> Trait d'union**

(1) Dans une phrase législative, un trait d'union est employé pour montrer des mots appariés.

(2) Dans une phrase législative, on ne met pas d'espace avant et après un trait d'union.

**<u>Article 39 :</u> Guillemets**

(1) Mu nteruro y'itegeko, utwuguruzo n'utwugarizo dukoreshwa mu kwerekana –

(a) ijambo cyangwa urukurikirane rw'amagambo birimo gusobanurwa;

(b) ibyahinduwe mu itegeko rihindura.

(2) Mu mwandiko w'Ikinyarwanda no mu w'Igifaransa hashyirwa umwanya imbere n'inyuma y'ijambo cyangwa urukurikirane rw'amagambo biri mu twuguruzo n'utwugarizo. Icyakora, mu mwandiko w'Icyongereza ntihashyirwa umwanya imbere n'inyuma y'ijambo cyangwa urukurikirane rw'amagambo biri mu twuguruzo n'utwugarizo.

**<u>Ingingo ya 40:</u> Udusodeko n'udukubo**

Udusodeko n'udukubo ntidukoreshwa mu nteruro y'itegeko.

**<u>Ingingo ya 41:</u> Inyuguti nkuru mu nteruro y'itegeko**

Ikoreshwa ry'inyuguti nkuru mu nteruro y'itegeko ryubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo cy'ururimi itegeko ryandikwamo.

(1) In a legislative sentence, quotation marks are used to indicate –

(a) a term, word or series of words being defined or interpreted;

(b) what is amended in an amending legislation.

(2) In Kinyarwanda and French versions, a space is put before and after a term, word or series of words put in quotation marks. However, in an English version, a space is not put before and after a term, word or series of words put in quotation marks.

**<u>Article 40:</u> Square and rounded brackets**

Square and rounded brackets are not used in a legislative sentence.

**<u>Article 41:</u> Capitalisation in a legislative sentence**

The use of capital letters in a legislative sentence complies with grammatical rules of the drafting language.

(1) Dans une phrase législative, des guillemets sont employés pour indiquer –

(a) un terme, un mot ou une série de mots en train d'être défini ou interprété ;

(b) ce qui est modifié dans un texte normatif modificatif.

(2) En versions kinyarwanda et française, on met un espace avant et après un terme, un mot ou une série de mots mis entre les guillemets. Toutefois, en version anglaise, on ne met pas d'espace avant et après un terme, un mot ou une série de mots mis entre les guillemets.

**<u>Article 40 :</u> Crochets et parenthèses**

Les crochets et les parenthèses ne sont pas employés dans une phrase législative.

**<u>Article 41 :</u> Majuscule dans une phrase législative**

L'emploi des majuscules dans une phrase législative se conforme aux règles grammaticales de la langue de rédaction.

**<u>Icyiciro cya 4:</u> Kuvuga ibihe, amatariki, n'imibare mu nteruro y'itegeko**

**<u>Ingingo ya 42:</u> Imyandikire y'amasaha**

Mu nteruro y'itegeko, amasaha yandikwa mu buryo bukurikira:

(a) Mu mwandiko w'Ikinyarwanda, imibare iranga amasaha yandikwa mu buryo bw'isaha y'amasaha 12, mu magambo ibanjirijwe n'akajambo saa kandi ikurikiwe n'amagambo z'amanywa cyangwa z'ijoro.

(b) Mu mwandiko w'Icyongereza, imibare iranga amasaha yandikwa mu buryo bw'isaha y'amasaha 12, mu mibare ku buryo imibare iranga amasaha n'iranga iminota itandukanywa n'akadomo kandi igakurikirwa n'amagambo am cyangwa pm.

(c) Mu mwandiko w'Igifaransa, imibare iranga amasaha yandikwa mu buryo bw'isaha y'amasaha 24, mu mibare ikurikiwe n'amagambo heure cyangwa minute.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Imyandikire y'amatariki**

**<u>Section 4:</u> Expressing time, dates, and numbers in a legislative sentence**

**<u>Article 42:</u> Time format**

In a legislative sentence, time is expressed as follows:

(a) In a Kinyarwanda version, clock numbers are expressed in the 12-hour clock system, in words preceded by an expression saa and followed by an expression z'amanywa or z'ijoro.

(b) In an English version, clock numbers are expressed in the 12-hour clock system, in numbers where clock numbers of hours and minutes are separated by a full stop and followed by an expression am or pm.

(c) In a French version, clock numbers are expressed in the 24-hour clock system, in numbers followed by an expression heure or minute.

**<u>Article 43:</u> Date format**

**<u>Section 4 :</u> Expression du temps, des dates et des nombres dans une phrase législative**

**<u>Article 42 :</u> Forme de l'heure**

Dans une phrase législative, l'heure est exprimée comme suit :

(a) En version kinyarwanda, les nombres qui indiquent l'heure sont exprimés selon l'échelle de 12 heures, en lettres précédés par l'expression saa et suivis par l'expression z'amanywa ou z'ijoro.

(b) En version anglaise, les nombres qui indiquent l'heure sont exprimés selon l'échelle de 12 heures, en chiffres où les nombres qui indiquent les heures et les minutes sont séparés par un point et suivis par l'expression am ou pm.

(c) En version française, les nombres qui indiquent l'heure sont exprimés selon l'échelle de 24 heures, en chiffres suivis par l'expression heure ou minute.

**<u>Article 43 :</u> Forme des dates**

(1) Mu nteruro y’itegeko, iminsi yandikwa mu mibare y’Icyarabu, amezi mu magambo, n’imyaka mu mibare y’Icyarabu.

(2) Iminsi iri munsi y’icumi yandikwa ibimburiwe na zeru.

(3) Itariki yandikwa haherewe ku munsi, ugakurikirwa n’ukwezi, hagaheruka umwaka.

(1) In a legislative sentence, days are drafted in Arabic numerals, months in words, and years in Arabic numerals.

(2) Days under ten are drafted starting with zero.

(3) A date is written starting by day, followed by month, ended by year.

(1) Dans une phrase législative, les jours sont rédigés en chiffres arabes, les mois en mots et les années en chiffres arabes.

(2) Les jours de moins de dix sont rédigés en les faisant précéder d’un zéro.

(3) Une date est écrite en commençant par le jour, suivi du mois, terminée par l’année.

**<u>Ingingo ya 44:</u> Imyandikire y’imibare**

(1) Mu nteruro y’itegeko, imibare igera ku icumi na ryo ririmo yandikwa mu magambo, na ho iri hejuru y’icumi yandikwa mu mibare.

(2) Ibihano byandikwa mu mibare.

(3) Imibare yandikwa mu magambo aho –

(a) umubare wuzuza mu buryo bwa tekinike;

(b) ishobora guteza urujijo bitabaye gutyo;

(c) imibare ari imigabane.

**<u>Article 44:</u> Numbers format**

(1) In a legislative sentence, numbers up to and including ten are drafted in words and those greater than ten in figures.

(2) Penalties are drafted in figures.

(3) Numbers are drafted in words where –

(a) a number is a technical modifier;

(b) confusion might otherwise result;

(c) fractions are expressed.

**<u>Article 44 :</u> Forme des nombres**

(1) Dans une phrase législative, les nombres jusqu’à dix inclus sont rédigés en mots et ceux supérieurs à dix en chiffres.

(2) Les peines sont rédigées en chiffres.

(3) Les nombres sont rédigés en mots où –

(a) le nombre est un modificateur technique ;

(b) une confusion pourrait en résulter autrement ;

(c) les fractions sont articulées.

**UMUTWE WA III: IKESHAMVUGO, URURIMI RUSANZWE, RWUMVIKANA KANDI RWOROSHYE, N'ISEMURANYANDIKO**

**Icyiciro cya mbere: Ikeshamvugo n'ururimi rusanzwe, rwumvikana kandi rworoshye**

**Ingingo ya 45: Imyandikire idahindagura amagambo**

Imyandikire idahindagura amagambo yubahirizwa hirindwa ikoreshwa ry'ijambo rimwe cyangwa ry'itsinda ry'amagambo rimwe risobanura ibitekerezo bitandukanye cyangwa ikoreshwa ry'amagambo atandukanye asobanura igitekerezo kimwe.

**Ingingo ya 46: Kurasa ku ntego**

Kurasa ku ntego bikorwa igitekerezo cyandikwa ku buryo bugusha ku ntego.

**Ingingo ya 47: Urukurikirane rw'ibitekerezo**

(1) Interuro y'itegeko ivuga igitekerezo kimwe kugira ngo umusomyi yumve icyo ivuga atavunitse.

**CHAPTER III: STYLE, PLAIN LANGUAGE, AND TRANSLATION**

**Section One: Style and plain language**

**Article 45: Consistency in terminology**

Consistency in terminology is required to avoid the use of the same word or phrase to convey different ideas or the use of different words to convey the same idea.

**Article 46: Directness**

Directness is required to express the concept in a direct manner.

**Article 47: Flow of ideas**

(1) A legislative sentence expresses a single idea to make it easier for a reader to understand the expressed rule.

**CHAPITRE III : STYLE, LANGAGE COURANT, CLAIR ET SIMPLE, ET TRADUCTION**

**Section première : Style et langage courant, clair et simple**

**Article 45 : Consistance terminologique**

La consistance terminologique est requise pour éviter d'employer un même mot ou une expression pour exprimer des idées différentes ou d'employer des termes différents pour exprimer une même idée.

**Article 46 : Être direct**

La rédaction directe est requise pour exprimer le concept de manière directe.

**Article 47 : Suite des idées**

(1) Une phrase législative exprime une idée unique pour permettre au lecteur de comprendre facilement la règle exprimée.

(2) Inshinga ntitandukanywa n'icyuzuzo.

(3) Amagambo agomba kumvikana akurikiranye ntatandukanywa.

**<u>Ingingo ya 48:</u> Ikoreshwa ry'ururimi rusanzwe, rwumvikana kandi rworoshye**

(1) Ururimi rusanzwe, rwumvikana kandi rworoshye bivuga amagambo asanzwe kandi yumvikana, interuro ngufi, zuzuye kandi zisobanutse.

(2) Ururimi rusanzwe, rwumvikana kandi rworoshye rukoreshwa mu –

(a) kugabanya ibitekerezo bikubiye mu nteruro y'itegeko;

(b) gutuma interuro ziba ngufi kugira ngo igitekerezo cy'ingenzi cy'ingingo cyumvikane neza;

(c) gucamo imiterere y'interuro uduka, aho bikenewe;

(d) kubahiriza imikoreshereze isanzwe n'ikeshamvugo by'ururimi rw'iki gihe;

(e) gukoresha amagambo mu buryo busanzwe;

(2) A verb is not separated from its verbal phrase.

(3) Series of words that must be understood together are not separated.

**<u>Article 48:</u> Use of plain language**

(1) Plain language means ordinary and clear words, short, complete and clear sentences.

(2) Plain language is used –

(a) to limit the ideas expressed in a legislative sentence;

(b) to shorten sentences so that the central message of the provision is clearly communicated;

(c) to break up the format of sentences into subparagraphs, where applicable;

(d) to follow the standard usage and styles of modern language;

(e) to use words in common use;

(2) Un verbe ne se sépare pas du groupe verbal.

(3) Un groupe de mots qui doivent être compris ensemble ne sont pas séparés.

**<u>Article 48 :</u> Emploi du langage courant, clair et simple**

(1) Le langage courant, clair et simple signifie des mots courants et clairs, des phrases courtes, complètes et claires.

(2) Le langage courant, clair et simple est utilisé pour –

(a) limiter les idées exprimées dans une phrase législative ;

(b) faire de courtes phrases pour que l'énoncé central de la disposition soit clairement communiqué;

(c) diviser la forme des phrases en sous-alinéas, si nécessaire ;

(d) suivre l'usage standard et les styles du langage moderne ;

(e) employer des mots d'usage courant ;

(f) kwirinda amagambo yerekeza ku yandi cyangwa ashimangira akomeye kandi adakenewe;

(g) kwirinda amagambo yihariye y'abanyamategeko, n'amagambo n'imvugo bya kera;

(h) kwirinda amagambo cyangwa imvugo by'Ikilatini, uretse imibare;

(i) gukoresha ingiro nkora aho kuba ingiro ntega nk'itegeko rusange;

(j) kwirinda ibyuzuzo bitari ngombwa;

(k) kugabanya ikoreshwa ry'amagambo yerekeza ku bindi bice by'itegeko muri iryo tegeko cyangwa ku yandi mategeko;

(l) kwirinda gukoresha ijambo rigoye kumvikana kandi hari iryoroshye rifite igisobanuro kimwe na ryo;

(m) kwirinda gukoresha amagambo y'impine. Iyo bibaye ngombwa ko ijambo ry'impine rikoreshwa, igisobanuro cyaryo kigomba gutangwa.

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Isemuranyandiko**

(f) to avoid cumbersome and unnecessary words of reference or emphasis;

(g) to avoid legalese, archaic words and expressions;

(h) to avoid Latin words or expressions, except numbers;

(i) to use the active rather the passive voice as a general rule;

(j) to avoid dangling modifiers;

(k) to limit the use of cross-referencing to other divisions of the legislation or other legislation;

(l) to avoid the use of a sophisticated word when a simple word could be used to convey the same meaning;

(m) to avoid the use of abbreviations. If an abbreviation is used, a definition of the abbreviated word must be provided.

**<u>Section 2:</u> Translation**

(f) éviter des mots de référence ou d'accentuation encombrants et inutiles ;

(g) éviter le jargon juridique, et des mots et des expressions archaïques ;

(h) des mots ou des expressions latins, hormis les numérotations ;

(i) employer la voix active plutôt que passive en tant qu'une règle générale ;

(j) éviter les modificateurs balais ;

(k) limiter l'utilisation des renvois à d'autres divisions de ce texte normatif ou à d'autres textes normatifs ;

(l) éviter d'employer un mot sophistiqué alors qu'il y a un mot simple ayant la même signification;

(m) éviter d'employer des abréviations. Lorsque l'emploi d'une abréviation s'impose, la définition du mot abrégé doit être fournie.

**<u>Section 2 :</u> Traduction**

**Ingingo ya 49: Indimi zikoreshwa mu gutegura amategeko**

Indimi zikoreshwa mu gutegura amategeko ni Ikinyarwanda, Icyongereza, cyangwa Igifaransa.

**Ingingo ya 50: Isemuranyandiko ry'amategeko**

(1) Itegeko risemurwa mu zindi ndimi haherewe mu rurimi ryateguwemo.

(2) Umwandiko w'Ikinyarwanda, uw'Icyongereza, n'uw'Igifaransa yandikwa ibangikanye mu nkingi kuri buri rupapuro, ingingo ku yindi.

**Ingingo ya 51: Ikoreshwa ry'amagambo y'amatirano**

(1) Ijambo ry'iritirano rikoreshwa iyo ridafite iririsimbura mu rundi rurimi umushinga wanditswemo.

(2) Amagambo y'amatirano yandikwa mu nyuguti ziberamye.

**UMUTWE WA IV: IMYANDIKIRE Y'INGINGO ITANGA UBUBASHA BWO GUSHYIRAHO AMATEGEKO Y'INGEREKA N'IY'ITEGEKO RIHINDURA**

**Article 49: Languages used in legislative drafting**

Languages used in legislative drafting are Kinyarwanda, English, or French.

**Article 50: Translating legislation**

(1) Legislation is translated from the drafting language to other languages.

(2) Kinyarwanda, English and French versions appear on each page in parallel columns article by article.

**Article 51: Use of borrowings**

(1) A borrowing is used where it has no equivalents in another language of the draft.

(2) Borrowings are italicised.

**CHAPTER IV: DRAFTING ENABLING PROVISION AND AMENDING LEGISLATION**

**Article 49 : Langues employées dans la préparation des textes normatifs**

Les langues employées dans la préparation des textes normatifs sont le kinyarwanda, l'anglais, ou le français.

**Article 50 : Traduire des textes normatifs**

(1) Un texte normatif est traduit de sa langue de préparation à d'autres langues.

(2) Les versions kinyarwanda, anglaise et française apparaissent en colonnes parallèles à chaque page, article par article.

**Article 51 : Emploi des emprunts**

(1) un emprunt est employé lorsqu'il n'a pas d'équivalent dans l'autre langue du projet.

(2) Les emprunts sont mis en italique.

**CHAPITRE IV : RÉDACTION D'UNE DISPOSITION DE DÉLÉGATION ET D'UN TEXTE NORMATIF MODIFICATIF**

**<u>Icyiciro cya mbere:</u> Imyandikire y'ingingo itanga ububasha bwo gushyiraho amategeko y'ingereka**

**<u>Ingingo ya 53:</u> Amategeko ashyirwamo ingingo itanga ububasha bwo gushyiraho amategeko y'ingereka**

Amategeko y'ibanze ni yo yonyine ashyirwamo ingingo itanga ububasha bwo gushyiraho amategeko y'ingereka.

**<u>Ingingo ya 54:</u> Abayobozi bashobora guhabwa ububasha bwo gushyiraho amategeko y'ingereka**

Abayobozi bashobora guhabwa, buri wese ku giti cye, ububasha bwo gushyiraho itegeko ry'ingereka ni aba bakurikira:

(a) Perezida wa Repubulika;

(b) Minisitiri w'Intebe;

(c) umuminisitiri;

(d) umunyamabanga wa Leta;

(e) undi mu bagize Guverinoma;

(f) umuyobozi w'urwego rwa Leta;

**<u>Section One:</u> Drafting an enabling provision**

**<u>Article 53:</u> Legislation that may provide for an enabling provision**

An enabling provision is only provided for by primary legislation.

**<u>Article 54:</u> Authorities to whom legislative powers may be delegated**

Authorities to whom legislative powers may be exclusively delegated are the following:

(a) the President of the Republic;

(b) the Prime Minister;

(c) a Minister;

(d) a State Minister;

(e) another Cabinet member;

(f) a head of State organ; and

**<u>Section première :</u> Rédaction d'une disposition de délégation**

**<u>Article 53 :</u> Textes normatifs pouvant prévoir une disposition de délégation**

Une disposition de délégation est prévue par un texte législatif seulement.

**<u>Article 54 :</u> Autorités auxquelles le pouvoir de légiférer peut être délégué**

Les autorités auxquelles le pouvoir de légiférer peut être exclusivement délégué sont les suivantes:

(a) le Président de la République ;

(b) le Premier Ministre ;

(c) un ministre ;

(d) un secrétaire d'État ;

(e) un autre membre du Gouvernement ;

(f) un responsable d'un organe de l'État ; et

(g) n'urwego rw'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage.

(g) an organ of a decentralised entity.

(g) un organe d'une entité décentralisée.

**<u>Ingingo ya 55:</u> Igihe ububasha bwo gushyiraho amategeko butangwa**

**<u>Article 55:</u> Circumstance for legislative power delegation**

**<u>Article 55 :</u> Circonstance de délégation du pouvoir de légiférer**

Ububasha bwo gushyiraho amategeko butangwa gusa kugira ngo hashyirweho itegeko ry'ingereka.

Legislative power is only delegated to initiate a subsidiary legislation.

Le pouvoir de légiférer est seulement délégué pour initier une législation subsidiaire.

**<u>Ingingo ya 56:</u> Ububasha bwo gushyiraho amategeko budashobora gutangwa**

**<u>Article 56:</u> Legislative power that cannot be delegated**

**<u>Article 56 :</u> Pouvoir de légiférer ne pouvant pas être délégué**

Ububasha bwo gushyiraho amategeko ntibushobora gutangwa mu birebana n'ibi bikurikira:

(a) gushyiraho imisoro;

(b) kugena imari ya Leta;

(c) gushyiraho ibyaha n'ibihano;

(d) n'ibigira ingaruka ku burenganzira n'ubwisanzure by'ibanze bya muntu.

Legislative power cannot be delegated for the following:

(a) establishing taxes;

(b) determining State Finance;

(c) determining offences and penalties; and

(d) matters that affect fundamental human rights and freedoms.

Le pouvoir de légiférer ne peut pas être délégué en ce qui concerne :

(a) la création des taxes ;

(b) la détermination des finances de l'État ;

(c) la détermination des infractions et des peines ; et

(d) des matières qui affectent les droits et les libertés fondamentaux de la personne.

**<u>Ingingo ya 57:</u> Ibigize ingingo itanga ububasha**

**<u>Article 57:</u> Content of an enabling provision**

**<u>Article 57 :</u> Contenu d'une disposition de délégation**

Ingingo itanga ububasha igaragaza ibi bikurikira:

(a) uhawe ububasha bwo gushyiraho itegeko;

(b) ubwoko bw'itegeko ry'ingereka;

(c) ikigamijwe mu gutanga ububasha bwo gushyiraho itegeko;

(d) ibigengwa n'itegeko ry'ingereka ;

(e) imbibi z'ububasha bwo gushyiraho itegeko bwatanzwe;

(f) igihe itegeko ry'ingereka rimara, iyo ari bikenewe;

(g) n'amahame n'imirongo ngenderwaho birebana n'itegeko ry'ingereka, iyo bikenewe.

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Imyandikire y'itegeko rihindura**

**<u>Akiciro ka mbere:</u> Iby'ibanze mu ihindurwa**

**<u>Ingingo ya 58:</u> Intego z'ihindurwa**

An enabling provision specifies the following:

(a) the recipient of the delegated legislative powers;

(b) type of subsidiary legislation;

(c) the purpose for which legislative powers are conferred;

(d) the scope of the subsidiary legislation;

(e) limits of the delegated legislative powers;

(f) the term of subsidiary legislation, where applicable; and

(g) principles and standards applicable to the subsidiary legislation, where applicable.

**<u>Section 2:</u> Drafting an amending legislation**

**<u>Subsection One:</u> Basics of amendment**

**<u>Article 58:</u> Purpose of amendment**

Une disposition de délégation spécifie ce qui suit :

(a) le bénéficiaire du pouvoir de légiférer délégué ;

(b) le type de législation subsidiaire ;

(c) l'objet de conférer le pouvoir de légiférer ;

(d) le champ d'application de la législation subsidiaire ;

(e) les limites du pouvoir de légiférer délégué ;

(f) la durée de la législation subsidiaire, le cas échéant ; et

(g) des principes et des normes en rapport avec la législation subsidiaire, le cas échéant.

**<u>Section 2 :</u> Rédaction d'un texte normatif modificatif**

**<u>Sous-section première :</u> Essentiel de la modification**

**<u>Article 58 :</u> Objectif d'une modification**

Ihindurwa ritangizwa hagamijwe gukora impinduka ku biteganyijwe mu itegeko ririho mu rwego rwo kubahiriza politiki n'ingamba bishya.

**<u>Ingingo ya 59:</u> Ihindurwa ribujijwe**

Ihindurwa rikora impinduka zikurikira ntirikwiye gukorwa:

(a) gukora impinduka –

(i) ku nyito y'itegeko;

(ii) ku ngingo y'ikigamijwe mu itegeko;

(iii) ku ngingo zirebana n'ireme ry'itegeko zirenze kimwe cya kabiri cy'umubare wazo;

(b) kongeramo –

(i) umutwe urenze umwe, interuro irenze imwe, igice kirenze kimwe, cyangwa igitabo kirenze kimwe;

(ii) ingingo nshya igahabwa umubare umwe n'uw'ingingo bifitanye isano iyibanziriza, hiyongereyeho umubare w'Ikilatini uruta decies;

Amendment is initiated to make changes to the substance of a legislation to achieve new policy and strategies.

**<u>Article 59:</u> Prohibited amendment**

Amendment that makes the following changes is to be prohibited:

(a) change of –

(i) the title of a legislation;

(ii) a provision on the purpose of a legislation;

(iii) more than a half of the number of substantive provisions;

(b) insertion of –

(i) more than one chapter, one title, one part, or one book;

(ii) a new article that is numbered with the same number of the immediately related and preceding article with addition of the adverbial Latin number higher than decies;

La modification est initiée pour apporter des changements sur le contenu d'un texte normatif en vue de nouvelles politique et stratégie.

**<u>Article 59 :</u> Modification proscrite**

La modification qui apporte des changements suivants est à proscrire :

(a) le changement –

(i) de l'intitulé d'un texte normatif ;

(ii) d'une disposition sur l'objet d'un texte normatif ;

(iii) de plus de la moitié du nombre des dispositions de fond ;

(b) l'apport –

(i) de plus d'un chapitre, d'un titre, d'une partie, ou d'un livre ;

(ii) d'un nouvel article numéroté en même numéro de l'article immédiatement lié et précédent avec l'adjonction d'une numérotation latine supérieure à decies ;

(c) kunonosora ibitateza ibibazo mu ishyirwa mu bikorwa;

(d) no kunonosora imyandikire idakenewe mu gusobanura kurushaho ibiteganywa.

**<u>Akiciro ka 2:</u> Uburyo bw'ihindurwa**

**<u>Ingingo ya 60:</u> Uburyo bwo kuvanaho no kongera gushyiraho**

Uburyo bwo kuvanaho no kongera gushyiraho bukoreshwa mu ihindurwa ritaziguye aho itegeko ririho risimburwa n'irindi tegeko.

**<u>Ingingo ya 61:</u> Uburyo bwo kuvanaho, kongeraho no gusimbuza**

Uburyo bwo kuvanaho, kongeraho no gusimbuza bukoreshwa aho itegeko rigumaho ariko hagakorwa impinduka zirimo –

(a) kuvanamo ingingo;

(b) kongeramo ingingo;

(c) cyangwa guhindura ibiteganywa mu ngingo.

(c) improvement of details, which do not raise difficulties in implementation; and

(d) improvement of sole form, which are not necessary for a better understanding of a provision.

**<u>Subsection 2:</u> Methods of amendment**

**<u>Article 60:</u> Repeal and re-enactment method**

Repeal and re-enactment method is used in direct amendment where an existing legislation is replaced by another legislation.

**<u>Article 61:</u> Repeal, insertion and substitution method**

Repeal, insertion and substitution method is used where a legislation remains but changes are made through –

(a) repealing a provision;

(b) inserting a provision; or

(c) changing provisions of an article.

(c) les améliorations de détail qui ne soulèvent pas de difficultés d'application ; et

(d) les améliorations de pure forme qui ne sont pas nécessaires à la bonne compréhension d'une disposition.

**<u>Sous-section 2</u> : Méthodes de modification**

**<u>Article 60 :</u> Méthode d'abrogation et de ré-adoption**

La méthode d'abrogation et de ré-adoption est utilisée dans la modification directe lorsqu'un texte normatif existant est remplacé par un autre texte normatif.

**<u>Article 61 :</u> Méthode d'abrogation, d'insertion et de substitution**

La méthode d'abrogation, d'insertion et de substitution est utilisée lorsqu'un texte normatif reste mais que des changements y sont apportés par –

(a) abroger une disposition ;

(b) insérer une disposition ; ou

(c) changer des dispositions d'un article.

**Akiciro ka 3:** **Uburyo bukoreshwa mu ihindurwa**

**Ingingo ya 62:** **Ikeshamvugo mu itegeko rihindura**

Mu kwandika itegeko rihindura, ikeshamvugo ry'itegeko rihindurwa rikomeza gukoreshwa hagamijwe kutanyuranya.

**Ingingo ya 63:** **Ibyitabwaho mu myandikire y'itegeko rihindura**

Mu kwandika itegeko rihindura, ibi bikurikira byitabwaho:

(a) gushyira iyobora ku ngingo ivanwaho mu ntangiriro y'ingingo ivanaho;

(b) gushyira iyobora ku ngingo ihindurwa ku ntangiriro y'ingingo ihindura;

(c) kuranga itegeko ryahinduwe haherewe ku ngingo cyangwa ikindi gice cy'itegeko gihindurwa hagakurikiraho inyito y'itegeko rihindurwa;

**Subsection 3:** **Techniques used in amendment**

**Article 62:** **Style in amending legislation**

In drafting amending legislation, the style of the legislation being amended is maintained in the interests of consistency.

**Article 63:** **Rules in drafting amending legislation**

In drafting amending legislation, the following rules apply:

(a) to place the reference to the article being repealed at the beginning of the repealing provision;

(b) to place the reference to the article being amended at the beginning of the amending provision;

(c) to make the reference to amended legislation by starting with an article or other division being amended followed by the title of a legislation being amended;

**Sous-section 3 :** **Techniques utilisées dans la modification**

**Article 62 :** **Style dans un texte normatif modificatif**

Lors de la rédaction d'un texte normatif modificatif, le style du texte normatif en cours de modification est maintenu dans le souci de cohérence.

**Article 63 :** **Règles dans la rédaction d'un texte normatif modificatif**

Lors de la rédaction d'un texte normatif modificatif, les règles suivantes s'appliquent :

(a) placer la référence à l'article en cours d'abrogation au début de la disposition abrogatoire ;

(b) placer la référence à l'article en cours de modification au début de la disposition modificative;

(c) faire référence au texte normatif modifié en commençant par un article ou une autre division en cours de modification, suivi du titre du texte normatif en cours de modification ;

(d) ingingo imwe mu itegeko rihindura ntihindura ingingo zirenze imwe mu itegeko rihindurwa, uretse aho ingingo zirenze imwe zigomba kuvanwaho.

(d) one article in amending legislation does not amend more than one article in the legislation being amended, except where more than one article is to be repealed.

(d) un article d'un texte normatif modificatif ne modifie pas plus d'un article du texte normatif en cours de modification, sauf le cas où plusieurs articles doivent être abrogés.

**Ingingo ya 64: Inyito y'itegeko rihindura**

Inyito y'itegeko rihindura igizwe n'inomero n'itariki by'itegeko rihindura n'inyito y'itegeko rihindurwa.

**Article 64: Title of amending legislation**

A title of an amending legislation is made with the number and the date of an amending legislation and the title of the amended legislation.

**Article 64 : Intitulé d'un texte normatif modificatif**

L'intitulé d'un texte normatif modificatif est composé du numéro et de la date d'un texte normatif modificatif et de l'intitulé du texte normatif modifié.

**Ingingo ya 65: Inyito y'ingingo ihindura**

Iyo hakozwe impinduka mu ngingo ihindura ituma n'inyito y'ingingo ihindurwa ihinduka, iyo ngingo ihindura igira inyito ihuye n'iy'ingingo ihindurwa.

**Article 65: Heading of an amending article**

If a change made to the amending provision affect the heading of the amended provision, the amending provision has the same heading as the amended provision.

**Article 65 : Intitulé d'un article modificatif**

Lorsqu'un changement porté à une disposition modificative affecte l'intitulé de la disposition modifiée, la disposition modificative a le même intitulé que la disposition modifiée.

**Ingingo ya 66: Guha umubare igice cy'itegeko mu itegeko rihindura**

(1) Iyo mu itegeko rihindura hongewemo ingingo nshya cyangwa ikindi gice cy'itegeko gikuru, bihabwa umubare umwe n'uw'ingingo cyangwa uw'igice cy'itegeko bifitanye isano bibibanziriza, hiyongereyeho umubare w'Ikilatini bis.

**Article 66: Numbering a division in amending legislation**

(1) If a new article or other higher division is inserted in an amending legislation, it is numbered with the same number of the immediately related and preceding article or division with addition of the adverbial Latin number bis.

**Article 66 : Numérotation d'une division dans un texte normatif modificatif**

(1) Lorsqu'un nouvel article ou une autre nouvelle division supérieure est inséré dans un texte normatif modificatif, il est numéroté en même numéro de l'article ou de la division immédiatement lié et

précédent avec l'adjonction d'une numérotation latine bis.

(2) Iyo mu itegeko rihindura hongewemo ingingo cyangwa ibindi bice by'itegeko bikuru bishya birenze kimwe, bihabwa umubare umwe n'uw'ingingo cyangwa uw'igice cy'itegeko bifitanye isano kibibanziriza hiyongereyeho imibare y'Ikilatini ikurikira bis.

(2) If more than one new article or other higher divisions are inserted in an amending legislation, they are numbered with the same number of the immediately related and preceding article or division with addition of adverbial Latin numbers consecutive of bis.

(2) Lorsque plus d'un nouvel article ou d'une autre nouvelle division supérieure sont insérés dans un texte normatif modificatif, ils sont numérotés avec le même numéro de l'article ou de la division immédiatement lié et précédent avec l'adjonction des numérotations latines consécutives de bis.

(3) Iyo hagati y'ibice by'itegeko bifite imibare yongereweho imibare y'Ikilatini hinjijwemo igice cy'itegeko gishya, icyo gice cy'itegeko gishya gihabwa umubare w'Ikilatini w'igice cy'itegeko kikibanziriza hongeweho inyuguti nkuru nk'uko zikurikirana ku rutonde.

(3) If a new division is inserted between divisions numbered with adverbial Latin numbers, the new division is numbered with the adverbial Latin number of the preceding division with addition of uppercase alpha numerals.

(3) Lorsqu'une nouvelle division est insérée entre des divisions numérotées avec des numérotations latines, la nouvelle division est numérotée avec la numérotation latine de la division précédente avec l'adjonction d'alphanumériques majuscules.

(4) Iyo ingingo yavanyweho mbere igaruwemo, ihabwa inomero yahoranye. Icyakora, iyo itegeko rihindurwa ryanogejwe, ingingo igaruwemo ihabwa umubare umwe n'uw'ingingo bifitanye isano iyibanziriza, hiyongereyeho umubare w'Ikilatini bis.

(4) If an article that was repealed is inserted, it is numbered with its old number. However, when the legislation being amended was revised, the reinserted article is numbered with the same number of the immediately related and preceding article with addition of an adverbial Latin number of bis.

(4) Lorsqu'un article abrogé auparavant est inséré, il est numéroté avec son ancien numéro. Toutefois, lorsque le texte normatif en cours de modification a été révisé, l'article réinséré est numéroté avec le même numéro de l'article immédiatement lié et précédent avec l'adjonction d'une numérotation latine bis.

**<u>Ingingo ya 67</u>: Ihindurwa ry'umugereka w'itegeko**

**<u>Article 67:</u> Amending an annex of a legislation**

**<u>Article 67 :</u> Modification d'une annexe du texte normatif**

(1) Ihindurwa ry'umugereka w'itegeko rikorwa hahindurwa ingingo iteganya uwo mugereka.

(2) Umugereka wahinduwe ushyirwa ku itegeko rihindura.

**Ingingo ya 68: Ihindurwa rishamikiye ku rindi**

Ihindurwa ry'itegeko rijyana n'ihindurwa ry'ingingo zishamikiye kuri iryo hindurwa n'ihindurwa ry'ingingo z'andi mategeko zirishamikiyeho.

**Ingingo ya 69: Ingingo iranga mu itegeko rihindura**

Ingingo iranga mu itegeko rihindura yerekeza ku itegeko rihindurwa.

**INTERURO YA IV: IMITERERE, IMITONDEKERE, N'IMITUNGANYIRIZE Y'AMATEGEKO**

**UMUTWE WA MBERE: IMITERERE Y'ITEGEKO**

**Ingingo ya 70: Imiterere y'ibice bigize itegeko**

(1) Amending an annex of a legislation is made by amending the article providing for the annex.

(2) An amended annex is appended to the amending legislation.

**Article 68: Consequential amendment**

Amendment of a legislation makes consequential amendments to the provisions of the legislation being amended, and to provisions of other legislation.

**Article 69: Cross-reference in amending legislation**

A cross-reference provision in an amending legislation refers to the amended legislation.

**TITLE IV: STRUCTURE, ORGANISATION, AND LAYOUT OF LEGISLATION**

**CHAPTER ONE: LOGICAL STRUCTURE OF LEGISLATION**

**Article 70: Structure of parts of a legislation**

(1) La modification d'une annexe d'un texte normatif se fait par la modification de l'article qui prévoit cette annexe.

(2) L'annexe modifiée est annexée au texte normatif modificatif.

**Article 68 : Modification corrélative**

La modification d'un texte normatif apporte des modifications corrélatives aux dispositions du texte normatif en cours de modification, et aux dispositions d'autres textes normatifs.

**Article 69 : Renvoi dans un texte normatif modificatif**

Une disposition de renvoi dans un texte normatif modificatif se réfère au texte normatif en cours de modification.

**TITRE IV : STRUCTURE, ORGANISATION, ET MISE EN PAGE DES TEXTES NORMATIFS**

**CHAPITRE ONE : STRUCTURE LOGIQUE D'UN TEXTE NORMATIF**

**Article 70 : Structure des parties d'un texte normatif**

Ibice bigize itegeko bikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) inyito y'itegeko;

(b) ishakiro;

(c) inyandiko ntangazategeko n'irangashingiro;

(d) igihimba;

(e) imikono;

(f) imigereka.

Parts of a legislation are structured in the following order:

(a) the title;

(b) the table of content;

(c) the enacting formula and preamble;

(d) the body;

(e) signatures;

(f) annexes.

Les parties d'un texte normatif sont structurés dans l'ordre qui suit :

(a) le titre ;

(b) la table des matières ;

(c) la formule d'édiction et le préambule ;

(d) le corps ;

(e) les signatures ;

(f) les annexes.

**Icyiciro cya mbere: Inyito y'itegeko**

**Section One: Title**

**Section première : Titre**

**Ingingo ya 71: Imiterere y'ibice bigize inyito y'itegeko**

Ibice bigize inyito y'itegeko bikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) ubwoko bw'itegeko;

(b) inomero;

(c) itariki itegeko ryashyiriweho umukono;

(d) n'igiteganywa.

**Article 71: Structure of parts of the title**

Parts of the title are structured in the following order:

(a) type of legislation;

(b) number;

(c) date of signature;

(d) subject matter.

**Article 71 : Structure des parties du titre**

Les parties du titre sont structurées dans l'ordre qui suit :

(a) le type de texte normatif ;

(b) le numéro ;

(c) la date de signature ;

(d) le sujet.

**Ingingo ya 72: Ubwoko bw'itegeko**

Ubwoko bw'itegeko bugaragaza ko ari itegeko ngenga, itegeko risanzwe, itegeko-teka, iteka rya Perezida, iteka rya Minisitiri w'Intebe, iteka rya Minisitiri, iteka ry'Umunyamabanga wa Leta, iteka ry'undi ugize Guverinoma, cyangwa amabwiriza.

**Ingingo ya 73: Inomero n'itariki**

Urwego rushinzwe gutangaza amategeko mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ni rwo rushyira inomero n'itariki ku itegeko.

**Ingingo ya 74: Igiteganywa**

(1) Igiteganywa kigaragaza ibikubiye mu itegeko mu buryo bw'imbumbe kandi hatarimo impine.

(2) Ku mategeko avanaho cyangwa ahindura, igiteganywa kigaragaza inyito y'itegeko rivanyweho cyangwa rihindurwa.

**Icyiciro cya 2: Ishakiro**

**Article 72: Type of legislation**

The type of legislation indicates that it is an organic law, an ordinary law, a decree-law, a Presidential Order, a Prime Minister's Order, a Ministerial Order, an Order of the State Minister, an Order of another Cabinet member, or regulations.

**Article 73: Number and date**

An organ in charge of publication of legislation in the Official Gazette of the Republic of Rwanda numbers and dates a legislation.

**Article 74: Subject matter**

(1) The subject matter reflects the content of a legislation in full and without abbreviations.

(2) For repealing or amending legislation, the subject matter reflects the title of the repealed or amended legislation.

**Section 2: Table of contents**

**Article 72 : Type de texte normatif**

Le type de texte normatif indique qu'il s'agit d'une loi organique, d'une loi ordinaire, d'un décret-loi, d'un arrêté présidentiel, d'un arrêté du Premier Ministre, d'un arrêté ministériel, d'un arrêté d'un Secrétaire d'État, d'un arrêté d'un autre membre du Gouvernement, ou des règlements.

**Article 73 : Numéro et date**

Un organe chargé de la publication des textes normatifs au Journal Officiel de la République du Rwanda numérote et date un texte normatif.

**Article 74 : Sujet**

(1) Le sujet énonce le contenu d'un texte normatif, dans son intégralité et sans abréviations.

(2) Pour les textes normatifs portant abrogation ou modification, le sujet reflète le titre du texte normatif abrogé ou modifié.

**Section 2 : Table des matières**

**Ingingo ya 75: Imiterere y'ibice bigize ishakiro**

Ibice bigize ishakiro bikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) inyito y'ishakiro;

(b) inyito z'ibice by'itegeko bigize igihimba cyaryo.

**Ingingo ya 76: Imyandikire y'ishakiro**

(1) Ishakiro rishyirwa mu kazu karyo kihariye, mu ndimi zose itegeko ryanditswemo.

(2) Icyakora, inyito y'ishakiro ishyirwa hagati kandi iciyeho akarongo.

**Icyiciro cya 3: Inyandiko ntangazategeko n'irangashingiro**

**Akiciro ka mbere: Imiterere y'inyandiko ntangazategeko**

**Ingingo ya 77: Inyandiko ntangazategeko**

Inyandiko ntangazategeko ni inyandiko yemewe igaragaza ko urwego nshingamategeko rwemeje ibivugwa.

**Article 75: Structure of parts of the table of contents**

Parts of the table of contents are structured in the following order:

(a) the heading of the table of contents;

(b) headings of divisions of the body of a legislation.

**Article 76: Drafting of a table of contents**

(a) The table of contents is placed in its own box, in all drafting languages.

(b)However, the heading of the table of contents is centred and underscored.

**Section 3: Enacting formula and preamble**

**Subsection One: Structure of the enacting formula**

**Article 77: Enacting formula**

The enacting formula is a formal statement to the effect that the legislating authority has adopted the measures specified.

**Article 75 : Structure des parties de la table des matières**

Les parties de la table des matières sont structurées dans l'ordre qui suit :

(a) l'intitulé de la table des matières ;

(b) les intitulés des divisions du corps d'un texte normatif.

**Article 76 : Rédaction de la table des matières**

(1) La table des matières est mise dans sa propre boîte, dans toutes les langues de rédaction.

(2) Toutefois, l'intitulé de la table des matières est centré et souligné.

**Section 3 : Formule d'édiction et préambule**

**Sous-section première : Structure de la formule d'édiction**

**Article 77 : Formule d'édiction**

La formule d'édiction est une déclaration officielle selon laquelle l'autorité législative a adopté les mesures spécifiées.

**<u>Ingingo ya 78:</u> Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'itegeko ngenga**

Inyandiko ntangazategeko y'itegeko ngenga iteye ku buryo bukurikira:

Twebwe, ……………..,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

……………………………………………. ……

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya 79:</u> Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'itegeko risanzwe**

Inyandiko ntangazategeko y'itegeko risanzwe iteye ku buryo bukurikira:

Twebwe, ……………..,
Perezida wa Repubulika;

**<u>Article 78:</u> Structure of the enacting formula of an organic law**

The enacting formula of an organic law is structured as follows:

We, …………………..,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

…………………………………………… …….

**ADOPTS:**

**<u>Article 79:</u> Structure of the enacting formula of an ordinary law**

The enacting formula of an ordinary law is structured as follows:

We, …………………..,
President of the Republic;

**<u>Article 78 :</u> Structure de la formule d'édiction d'une loi organique**

La formule d'édiction d'une loi organique est structurée comme suit :

Nous, ………………..,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE DANS LE JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA

…………………………………………… …….

**ADOPTE :**

**<u>Article 79 :</u> Structure de la formule d'édiction d'une loi ordinaire**

La formule d'édiction d'une loi ordinaire est structurée comme suit :

Nous, ……………………,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

…………………………………………. ……

**YEMEJE:**

**<u>Ingingo ya 80</u>: Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'itegeko-teka**

Inyandiko ntangazategeko y'itegeko-teka iteye ku buryo bukurikira:

Twebwe, ……………..,
Perezida wa Repubulika;

…………………………………………. ……

**DUSHYIZEHO ITEGEKO-TEKA RIKURIKIRA:**

**<u>Ingingo ya 81:</u> Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Perezida**

Inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Perezida iteye ku buryo bukurikira:

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

………………………………………… …...

**ADOPTS:**

**<u>Article 80:</u> Structure of the enacting formula of a decree-law**

The enacting formula of a decree-law is structured as follows:

We, …………………..,
President of the Republic;

………………………………………… …...

**DO PROMULGATE THE FOLLOWING DECREE-LAW:**

**<u>Article 81</u>: Structure of the enacting formula of a Presidential Order**

The enacting formula of a Presidential Order is structured as follows:

LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE DANS LE JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA

………………………………………… …...

**ADOPTE :**

**<u>Article 80 :</u> Structure de la formule d'édiction d'un décret-loi**

La formule d'édiction d'un décret-loi est structurée comme suit :

Nous, ……………………,
Président de la République ;

………………………………………… …...

**PROMULGUONS LE DÉCRET-LOI SUIVANT :**

**<u>Article 81 :</u> Structure de la formule d'édiction d'un arrêté présidentiel**

La formule d'édiction d'un arrêté présidentiel est structurée comme suit :

Twebwe, ……………...,
Perezida wa Repubulika;

………………………………………….
….

**DUTEGETSE:**

**<u>Ingingo ya 82:</u> Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Minisitiri w'Intebe**

Inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Minisitiri w'Intebe iteye ku buryo bukurikira:

Minisitiri w'Intebe;

……………………………………..…
….

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya 83:</u> Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Minisitiri**

Inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Minisitiri iteye ku buryo bukurikira:

Minisitiri wa ……………………………..;

We, ……………………,
President of the Republic;

………………...…………………………
…

**DO ORDER:**

**<u>Article 82:</u> Structure of the enacting formula of a Prime Minister's Order**

The enacting formula of a Prime Minister's Order is structured as follows:

The Prime Minister;

………………...…………………………
…

**ORDERS:**

**<u>Article 83:</u> Structure of the enacting formula of a Ministerial Order**

The enacting formula of a Ministerial Order is structured as follows:

The Minister of …………………………...;

Nous, ……………………,
Président de la République ;

………………..…………………………
…

**ARRÊTONS :**

**<u>Article 82 :</u> Structure de la formule d'édiction d'un arrêté du Premier Ministre**

La formule d'édiction d'un arrêté du Premier Ministre est structurée comme suit :

Le Premier Ministre ;

………………..…………………………
…

**ARRÊTE :**

**<u>Article 83 :</u> Structure de la formule d'édiction d'un arrêté ministériel**

La formule d'édiction d'un arrêté ministériel est structurée comme suit :

Le Ministre de ……………………………
;

…………………………………………..……

…………………………………………………….

………………..…………………………

**ATEGETSE:**

**Ingingo ya 84: Imiterere y'inyandiko ntangazategeko y'andi mategeko y'ingereka**

Inyandiko ntangazategeko y'andi mategeko y'ingereka iteye nk'inyandiko ntangazategeko y'iteka rya Minisitiri, ariko yo igaragaza umuyobozi wahawe ububasha bwo kuyashyiraho n'ububasha yahawe.

**Akiciro ka 2: Imiterere y'irangashingiro**

**Ingingo ya 85: Imiterere y'ibice bigize irangashingiro**

Ibice bigize irangashingiro bikurikirana mu bika mu buryo bukurikira:

(a) urwego rwemeje itegeko;

(b) Itegeko Nshinga;

(c) amasezerano mpuzamahanga ashingirwaho;

(d) itegeko rishingirwaho;

**ORDERS:**

**Article 84: Structure of the enacting formula of other subsidiary legislation**

The enacting formula of other subsidiary legislation is structured as the enacting formula of a Ministerial Order but it indicates the authority to whom legislative powers were delegated and the delegated powers.

**Subsection 2: Structure of the preamble**

**Article 85: Structure of parts of the preamble**

Parts of the preamble are structured in Paragraphs in the following order:

(a) the adopting organ;

(b) the Constitution;

(c) the enabling international agreement;

(d) the enabling legislation;

**ARRÊTE :**

**Article 84 : Structure de la formule d'édiction des autres législations subsidiaires**

La formule d'édiction des autres législations subsidiaires est structurée comme celle d'un arrêté ministériel mais elle indique l'autorité investie du pouvoir de légiférer et le pouvoir délégué.

**Sous-section 2 : Structure du préambule**

**Article 85 : Structure des parties du préambule**

Les parties du préambule sont structurées en alinéas dans l'ordre qui suit :

(a) l'organe adoptant ;

(b) la Constitution ;

(c) l'accord international de délégation ;

(d) le texte normatif de délégation ;

(e) itegeko rivanwaho;

(f) itegeko rihindurwa.

**<u>Ingingo ya 86:</u> Imyandikire y'igika kiranga urwego rwemeje itegeko**

Igika kiranga urwego rwemeje itegeko cyandikwa nk'uko biteganyijwe muri iyi mirongo ngenderwaho.

**<u>Ingingo ya 87:</u> Imiterere y'igika cyerekeza ku Itegeko Nshinga**

Igika cyerekeza ku Itegeko Nshinga kigaragaramo ibi bikurikira:

(a) inyito y'Itegeko Nshinga;

(b)n'ingingo itanga ububasha bwo gushyiraho itegeko, iyo ihari.

**<u>Ingingo ya 88:</u> Imiterere y'igika cy'itegeko rishingiweho**

Igika cy'itegeko rishingiweho kigaragaramo ibi bikurikira:

(a) inyito y'itegeko rishingiweho;

(e) the legislation being repealed;

(f)the legislation being amended.

**<u>Article 86:</u> Drafting of the paragraph indicating the adopting organ**

The paragraph that indicates the adopting organ is drafted as provided for by these Guidelines.

**<u>Article 87:</u> Structure of the paragraph referring to the Constitution**

The paragraph referring to the Constitution contains the following:

(a) the title of the constitution; and

(b) an enabling provision, if any.

**<u>Article 88:</u> Structure of the paragraph of enabling legislation**

The paragraph of the enabling legislation contains the following:

(a) the title of the enabling legislation; and

(e) le texte normatif sujet d'abrogation ;

(f) le texte normatif sujet de modification.

**<u>Article 86 :</u> Rédaction du paragraphe qui indique l'organe adoptant**

Le paragraphe qui indique l'organe adoptant est rédigé comme prévu dans les présentes lignes directrices.

**<u>Article 87 :</u> Structure du paragraphe se référant à la Constitution**

Le paragraphe se référant à la Constitution contient ce qui suit :

(a) le titre de la Constitution ; et

(b) une disposition de délégation, le cas échéant.

**<u>Article 88 :</u> Structure du paragraphe du texte normatif de délégation**

Le paragraphe du texte normatif de délégation contient ce qui suit :

(a) le titre du texte normatif de délégation ; et

(b) n'ingingo itanga ububasha bwo gushyiraho itegeko.

(b) an enabling provision.

(b) une disposition de délégation.

**Ingingo ya 89: Imiterere y'igika cy'itegeko rivanwaho**

Igika cy'itegeko rivanwaho kigaragaza inyito yaryo.

**Article 89: Structure of the paragraph of legislation being repealed**

The paragraph of the legislation being repealed indicates its title.

**Article 89 : Structure du paragraphe du texte normatif sujet d'abrogation**

Le paragraphe du texte normatif sujet d'abrogation indique son titre.

**Ingingo ya 90: Imiterere y'igika cy'itegeko rihindurwa**

Igika cy'itegeko rihindurwa kigaragaza inyito yaryo n'ingingo zisubiweho.

**Article 90: Structure of the paragraph of legislation being amended**

The paragraph of the legislation being amended indicates its title and articles reviewed.

**Article 90 : Structure du paragraphe du texte normatif sujet de modification**

Le paragraphe du texte normatif sujet de modification indique son titre et les articles revus.

**Icyiciro cya 4: Igihimba**

**Ingingo ya 91: Imiterere y'igihimba**

(1) Igihimba ni igice kibumbatiye ireme ry'itegeko.

(2) Ibice by'itegeko bigize igihimba cyaryo bikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) ingingo rusange;

(b) ingingo zigena ireme ry'itegeko;

(c) ingingo zinyuranye;

(d) ingingo zisoza;

**Section 4: Body**

**Article 91: Structure of the body**

(1) The body is the substantive part of a legislation.

(2) Divisions of the body are structured in the following order:

(a) general provisions;

(b) substantive provisions;

(c) miscellaneous provisions;

(d) final provisions;

**Section 4 : Corps**

**Article 91 : Structure du corps**

(1) Le corps constitue la partie de fond d'un texte normatif.

(2) Les divisions du corps sont structurées dans l'ordre qui suit :

(a) les dispositions générales ;

(b) les dispositions de fond ;

(c) les dispositions diverses ;

(d) les dispositions finales ;

(e) imigereka.

**<u>Akiciro ka mbere:</u> Imiterere y'igice cy'itegeko cy'ingingo rusange**

**<u>Ingingo ya 92</u>: Imiterere y'ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo rusange**

(1) Igice cy'itegeko cy'ingingo rusange gikubiyemo ingingo zireba itegeko ryose.

(2) Amategeko afite igiteganyijwe kisobanura ubwacyo, ntashyirwamo igice cy'itegeko cy'ingingo rusange.

(3) Igice cy'itegeko cy'ingingo rusange cyitwa « Ingingo rusange ».

(4) Ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo rusange zikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) ingingo y'ikigamijwe;

(b) ingingo y'isobanura;

(c) ingingo y'ibirebwa n'itegeko;

(d) ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko.

(e) annexes.

**<u>Subsection One:</u> Structure of a division of general provisions**

**<u>Article 92:</u> Structure of provisions of a division of general provisions**

(1) A division of general provisions contains provisions applicable to the entire legislation.

(2) Legislation with a self-explanatory subject matter does not have a division of general provisions.

(3) A division of general provisions is entitled "General provisions".

(4) Provisions of a division of general provisions are structured in the following order:

(a) a provision on purpose;

(b) a provision on interpretation;

(c) a provision on scope;

(d) substantive provisions.

(e) les annexes.

**<u>Sous-section première</u> : Structure d'une division des dispositions générales**

**<u>Article 92 :</u> Structure des dispositions d'une division des dispositions générales**

(1) Une division des dispositions générales contient les dispositions applicables à l'ensemble du texte normatif.

(2) Des textes normatifs dont le sujet est auto-explicite ne contiennent pas de division des dispositions générales.

(3) Une division des dispositions générales est intitulée « Dispositions générales ».

(4) Les dispositions d'une division des dispositions générales sont structurées dans l'ordre qui suit:

(a) une disposition sur l'objet ;

(b) une disposition sur l'interprétation ;

(c) une disposition sur l'application ;

(d) des dispositions de fond.

**<u>Ingingo ya 93:</u> Imiterere y'ingingo y'ikigamijwe**

(1) Ingingo y'ikigamijwe igaragaza icyo itegeko rigamije kugeraho.

(2) Ingingo y'ikigamijwe ihora ari iya mbere mu itegeko.

(3) Ingingo y'ikigamijwe ntishyirwa mu itegeko iyo itegeko –

(a) ari rigufi kandi intego yaryo igaragara ku buryo bworoshye;

(b) rihindura irindi tegeko.

**<u>Ingingo ya 94:</u> Imiterere y'ingingo y'isobanura**

(1) Ingingo y'isobanura ishyirwa mu itegeko hagamijwe kugaragariza umusomyi icyo ijambo rikoreshejwe mu itegeko rivuga.

(2) Ijambo ryasobanuwe ni ryo rikoreshwa mu itegeko ryose.

(3) Igisobanuro cyuzuye gikoresha ijambo « bivuga », naho igisobanuro kituzuye kigakoresha ijambo « hakubiyemo »; kandi iyo muri ibi nta na kimwe kibereye,

**<u>Article 93:</u> Structure of a provision on purpose**

(1) A provision on purpose indicates what the legislation intends to achieve.

(2) A provision on purpose is always the first article of a legislation.

(3) A provision on purpose is not inserted in a legislation where the legislation –

(a) is short and its objective is easily seen;

(b) amends other legislation.

**<u>Article 94:</u> Structure of a provision on interpretation**

(1) A provision on interpretation is inserted to identify for the reader what the term means within the context of the legislation.

(2) An interpreted term is used throughout the legislation.

(3) An exhaustive definition uses the word "means", while a partial definition uses the word "includes"; and if neither of these is

**<u>Article 93 :</u> Structure d'une disposition sur l'objet**

(1) Une disposition sur l'objet indique l'intention visée par un texte normatif.

(2) Une disposition sur l'objet est toujours le premier article d'un texte normatif.

(3) Une disposition sur l'objet n'est pas insérée dans un texte normatif lorsque le texte normatif –

(a) est court et son objectif est facile à voir ;

(b) modifie un autre texte normatif.

**<u>Article 94 :</u> Structure d'une disposition sur l'interprétation**

(1) Une disposition sur l'interprétation est insérée dans un texte normatif pour identifier pour le lecteur ce que signifie le terme dans le contexte du texte normatif.

(2) Un terme interprété est utilisé tout au long du texte normatif.

(3)Une définition exhaustive utilise le mot « signifie », tandis qu'une définition partielle utilise le mot « comprend » ; et lorsqu'aucune de ces informations n'est

igisobanuro gishobora gukoresha ijambo « byerekeye».

(4) Ingingo y'isobanura ntivuga ibintu byumvikana kimwe kuri bose.

(5) Ingingo y'isobanura iba iya kabiri mu itegeko iyo hari ingingo y'ikigamijwe.

(6) Amagambo asobanuwe atondekwa mu buryo bw'urutonde rw'inyuguti mu rurimi itegeko ryateguwemo.

**<u>Ingingo ya 95:</u> Imiterere y'ingingo y'ibirebwa n'itegeko**

(1) Ingingo y'ibirebwa n'itegeko ishyirwa mu itegeko hagamijwe kugaragaza –

(a) imbibi z'igiteganywa mu itegeko;

(b) ahatangwa amategeko;

(c) abantu, ibintu n'ibihe birebwa cyangwa bitarebwa n'itegeko.

(2) Ingingo y'ibirebwa n'itegeko yitwa « Ibirebwa n'itegeko ».

accurate, the definition may use "refers to".

(4) A provision on interpretation does not state the obvious.

(5) A provision on interpretation is the second article of a legislation when there is a provision on purpose.

(6) Interpreted or defined terms are alphabetically arranged in the drafting language.

**<u>Article 95:</u> Structure of a provision on scope**

(1) A provision on scope is inserted into a legislation to indicate –

(a) the extent of the subject matter that the legislation deals with;

(b) the field to be regulated;

(c) persons, objects and circumstances with respect to which the legislation is applied or not applied.

(2) A provision on scope is entitled "Scope of application".

exacte, la définition peut utiliser « se réfère à ».

(4) Une disposition sur l'interprétation n'indique pas une évidence.

(5) Une disposition sur l'interprétation est le second article d'un texte normatif lorsqu'il y a une disposition sur l'objet.

(6) Des termes interprétés ou définis sont alphabétiquement arrangés dans la langue de rédaction.

**<u>Article 95 :</u> Structure d'une disposition sur l'application**

(1) Une disposition sur l'application est insérée dans un texte normatif pour indiquer –

(a) l'étendue du sujet traité dans le texte normatif ;

(b) le domaine à réglementer ;

(c) les personnes, les objets et les circonstances auxquels le texte normatif s'applique ou ne s'applique pas.

(2) Une disposition sur l'application est intitulée « Champ d'application ».

(3) Ingingo y'ibirebwa n'itegeko ntishyirwa mu itegeko iyo inyito yaryo igaragaza ku buryo bwuzuye ibirebwa n'itegeko.

(4) Ingingo y'ibirebwa n'itegeko ihora ari iya gatatu mu itegeko iyo hari ingingo y'ikigamijwe n'ingingo y'isobanura.

**<u>Ingingo ya 96:</u> Imiterere y'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zishyirwa mu gice cy'itegeko cy'ingingo rusange**

(1) Ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zishyirwa mu gice cy'itegeko cy'ingingo rusange ni ingingo zireba itegeko ryose kandi zidashobora gushyirwa mu gice cy'itegeko –

(a) cy'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko;

(b) cy'ingingo zinyuranye;

(c) cyangwa cy'ingingo zisoza.

(2) Ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zishyirwa mu gice cy'itegeko cy'ingingo rusange zihabwa inyito zigaragaza ibizikubiyemo.

(3) A provision on scope is not inserted in a legislation if its title sufficiently unveils the scope of application of the legislation.

(4) A provision on scope is always the third article of a legislation if there are an article on purposes and an article on interpretation.

**<u>Article 96:</u> Structure of substantive provisions placed in a division of general provisions**

(1) Substantive provisions that are placed in a division of general provisions are provisions applicable to the entire legislation and which cannot be placed in a division of –

(a) substantive provisions;

(b) miscellaneous provisions; or

(c) final provisions.

(2) Substantive provisions placed in a division of general provisions are given headings reflecting their contents.

(3) Une disposition sur l'application n'est pas insérée dans un texte normatif lorsque son titre dévoile suffisamment le champ d'application du texte normatif.

(4) Une disposition sur l'application est toujours le troisième article du texte normatif lorsqu'il y a un article sur l'objet et une disposition sur l'interprétation.

**<u>Article 96 :</u> Structure des dispositions de fond placées dans une division des dispositions générales**

(1) Les dispositions de fond qui sont placées dans une division des dispositions générales sont les dispositions applicables sur l'ensemble du texte normatif et qui ne peuvent pas être placées dans une division –

(a) des dispositions de fond ;

(b) des dispositions diverses ; ou

(c) des dispositions finales.

(2) Les dispositions de fond placées dans une division des dispositions générales sont intitulées conformément à leurs contenus.

**Akiciro ka 2: Imiterere y'igice cy'itegeko cy'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko**

**Ingingo ya 97: Imiterere y'ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko**

(1) Ibice by'itegeko by'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko bihabwa inyito zigaragaza ibibikubiyemo.

(2) Ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) ingingo zitegeka;

(b) ingingo zibuza;

(c) ingingo zihana.

**Ingingo ya 98: Imiterere y'ingingo zitegeka**

Ingingo zitegeka zigaragaza amakuru akurikira:

(a) umuntu uhawe inshingano;

(b) umuntu uhawe uburenganzira;

**Subsection 2: Structure of a division of substantive provisions**

**Article 97: Structure of provisions of a division of substantive provisions**

(1) Divisions of substantive provisions are given headings reflecting their contents.

(2) Provisions of a division of substantive provisions are structured in the following order:

(a) provisions of authority;

(b) prohibitive provisions;

(c) repressive provisions.

**Article 98: Structure of provisions of authority**

Provisions of authority express the following information:

(a) a person on whom an obligation is imposed;

(b) a person on whom a right is granted;

**Sous-section 2 : Structure d'une division des dispositions de fond**

**Article 97 : Structure des dispositions d'une division des dispositions de fond**

(1) Les divisions des dispositions de fond sont intitulées conformément à leurs contenus.

(2) Les dispositions d'une division des dispositions de fond sont structurées dans l'ordre qui suit :

(a) les dispositions d'autorité ;

(b) les dispositions prohibitives ;

(c) les dispositions répressives.

**Article 98 : Structure des dispositions d'autorité**

Les dispositions d'autorité énoncent les informations suivantes :

(a) une personne à qui une obligation est imposée ;

(b) une personne à qui un droit est octroyé ;

| | | |
|---|---|---|
| (c) umuntu uhawe ububasha; | (c) a person upon whom power is conferred; | (c) une personne à qui un pouvoir est conféré ; |
| (d) umuntu ugenewe umwihariko; | (d)a person upon whom a privilege is conferred; | (d) une personne à qui un privilège est conféré ; |
| (e) igikorwa gitegetswe gukorwa; | (e) an act required to be done; | (e) un acte qu'il faut faire ; |
| (f) ibihe, aho biri ngombwa, igikorwa gitegetswe gukorwamo; | (f) circumstances, where appropriate, under which an act is required to be done; | (f) des circonstances, le cas échéant, sous lesquelles un acte doit être fait ; |
| (g) inkomyi, aho biri ngombwa, igikorwa gitegetswe gukorwamo. | (g)conditions, where appropriate, subject to which an act is required to be done. | (g) des conditions, le cas échéant, sous lesquelles un acte doit être fait. |
| **Ingingo ya 99: Imiterere y'ingingo zibuza** | **Article 99: Structure of prohibitive provisions** | **Article 99 : Structure des dispositions prohibitives** |
| Ingingo zibuza zigaragaza amakuru akurikira: | Prohibitive provisions express the following information: | Les dispositions prohibitives énoncent les informations suivantes : |
| (a) umuntu ubujijwe gukora igikorwa; | (a) a person on whom a prohibition is imposed; | (a) une personne à qui une prohibition est imposée ; |
| (b)igikorwa kibujijwe gukorwa; | (b) an act that is prohibited; | (b) un acte qui est prohibé ; |
| (c) ibihe, aho biri ngombwa, igikorwa kibujijwe gukorwamo; | (c) circumstances, where appropriate, under which an act is prohibited; | (c) des circonstances, le cas échéant, sous lesquelles un acte est prohibé ; |
| (d) inkomyi, aho biri ngombwa, igikorwa kibujijwe gukorwamo. | (d) conditions, where appropriate, subject to which an act is prohibited. | (d) des conditions, le cas échéant, sous lesquelles un acte est prohibé. |

**<u>Ingingo ya 100:</u> Imiterere y'ingingo zihana**

Ingingo zihana zigaragaza amakuru akurikira:

(a) igikorwa kibujijwe gukorwa cyangwa kudakora ikigomba gukorwa;

(b) gutangaza ko kunyuranya n'ibibujijwe ari icyaha cyangwa ari ikosa;

(c) n'igihano.

**<u>Akiciro ka 3:</u> Imiterere y'igice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye**

**<u>Ingingo ya 101:</u> Imiterere y'ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye**

(1) Ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye zikurikirana mu rukurikirane nyurabwenge n'ibihe ibizikubiyemo bikorerwamo.

(2) Igice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye cyitwa « Ingingo zinyuranye ».

(3) Iyo ingingo zinyuranye zitarenze ebyiri zihuzwa n'ingingo zisoza mu gice cyitwa «Ingingo zinyuranye n'izisoza».

**<u>Article 100:</u> Structure of repressive provisions**

Repressive provisions express the following information:

(a) a prohibited act or omission;

(b) a declaration that contravention of the prohibition is an offence or a fault; and

(c) a sanction.

**<u>Subsection 3:</u> Structure of a division of miscellaneous provisions**

**<u>Article 101:</u> Structure of provisions of a division of miscellaneous provisions**

(1) Provisions of a division of miscellaneous provisions are structured in a logical and chronological sequence.

(2) A division of miscellaneous provisions is entitled "Miscellaneous provisions".

(3) If miscellaneous provisions are not beyond two articles, they are combined with final provisions to make a provision

**<u>Article 100 :</u> Structure des dispositions répressives**

Les dispositions répressives énoncent les informations suivantes :

(a) un acte prohibé ou une omission ;

(b) une déclaration selon laquelle la violation d'une prohibition constitue une infraction ou une faute ; et

(c) une sanction.

**<u>Sous-section 3 :</u> Structure d'une division des dispositions diverses**

**<u>Article 101 :</u> Structure des dispositions d'une division des dispositions diverses**

(1) Les dispositions d'une division des dispositions diverses sont structurées selon l'ordre logique et chronologique.

(2) Une division des dispositions diverses est intitulée « Dispositions diverses ».

(3) Lorsque les dispositions diverses ne dépassent pas deux articles, elles sont combinées avec les dispositions finales

entitled "Miscellaneous and final provisions".

pour faire une disposition intitulée « Dispositions diverses et finales ».

**Ingingo ya 102: Imiterere y'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zishyirwa mu gice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye**

(1) Ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zishyirwa mu gice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye ni ingingo ziteganya ibidahuye n'ibikubiye mu gice cy'itegeko –

(a) cy'ingingo rusange;

(b) cy'ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko;

(c) cyangwa cy'ingingo zisoza.

(2) Ingingo zirebana n'ireme ry'itegeko zishyirwa mu gice cy'itegeko cy'ingingo zinyuranye zihabwa inyito zigaragaza ibizikubiyemo.

**Akiciro ka 4: Imiterere y'igice cy'itegeko cy'ingingo zisoza**

**Ingingo ya 103: Imiterere y'ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo zisoza**

**Article 102: Structure of substantive provisions placed in a division of miscellaneous provisions**

(1) Substantive provisions that are placed in a division of miscellaneous provisions are provisions of which contents do not fit the division of –

(a) general provisions;

(b) substantive provisions; or

(c) final provisions.

(2) Substantive provisions placed in a division of miscellaneous provisions are given headings reflecting their contents.

**Subsection 4: Structure of a division of final provisions**

**Article 103: Structure of provisions of a division of final provisions**

**Article 102 : Structure des dispositions de fond placées dans une division des dispositions diverses**

(1) Les dispositions de fond qui sont placées dans une division des dispositions diverses sont les dispositions dont le contenu ne correspond pas à la division –

(a) des dispositions générales ;

(b) des dispositions de fond ; ou

(c) des dispositions finales.

(2) Les dispositions de fond placées dans une division des dispositions diverses sont intitulées conformément à leurs contenus.

**Sous-section 4 : Structure d'une division des dispositions finales**

**Article 103 : Structure des dispositions d'une division des dispositions finales**

(1) Ingingo zigize igice cy'itegeko cy'ingingo zisoza zikurikirana mu buryo bukurikira:

(a) ingingo igaragaza abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa;

(b) ingingo y'ururimi;

(c) ingingo ivanaho;

(d) ingingo y'inzibacyuho;

(e) ingingo izigama;

(f) ingingo yo kureka kugira agaciro;

(g) ingingo y'itangira gukurikizwa.

(2) Igice cy'itegeko cy'ingingo zisoza cyitwa « Ingingo zisoza ».

**<u>Ingingo ya 104:</u> Imiterere y'ingingo igaragaza abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa**

(1) Ingingo igaragaza abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa ishyirwa mu Iteka rya Perezida cyangwa Iteka rya Minisitiri w'Intebe hagamijwe kugena Umuminisitiri, Umunyamabanga wa Leta n'undi ugize Guverinoma ushinzwe

(1) Provisions of a division of final provisions are structured in the following order:

(a) provision on authorities responsible for implementation;

(b) a language provision;

(c) a repealing provision;

(d) a transitional provision;

(e) a saving provision;

(f) a sunset provision;

(g) a provision on entry into force.

(2) A division of final provisions is entitled "Final provisions".

**<u>Article 104:</u> Structure of a provision on authorities responsible for implementation**

